

## GUFATA NEZA URUGEMWE NYUMA Y'IBANGURIRA

Nyuma y'ibyumweru bitatu tumaze kubangurira, amababi yambere atangiye gupfundura, isashe twatwikirije ka gashami twinjijemo tuyikuraho; Dukata ibisambo bishibuka ku rugemwe twabanguriyeho; Dukurikije imikurire y'urugemwe twabanguriyeho, duhambura igikomere buhoro buhoro kugeza igihe kimaze gukira neza.

Nyuma y'amezi abiri kugera kuri atatu ubanguriye uba ubonye urugemwe rwo gutera.

## GUTEGURA UMURIMA

Umurima ugomba kuba uteguye neza, uhinze ubwa mbere, ubwa kabiri ndetse n'ubwa gatatu ahari urwiri rwinshi, kugirango wizere ko urwiri, amabuye n'imizi y'ibindi biti wabimazemo neza.

## GUTERA

Ucukura imyobo ku ntera ya m4 kuri m4 cyangwa m6 kuri m6 ya cm80x80 cyangwa m1x1 bitewe n'ubwoko bw'ubutaka bwawe (buseseka cyangwa bumatira), ushyiramo ibiro 100 by'ifumbire y'imboreza, ugasi-banganya icyobo cyawe,

Ufata urugemwe rwawe, ugakuraho igihoho, ucukura akobo ka cm30 ugaterekamo rwa rugemwe rwawe warangiza ugasibanganya neza

Igihe cyiza cyo gutera ni ukwezi kwa cumi igihe cy'imvura itangiye kugwa;

## GUFUMBIRA

Ibiti by'imbuto ziribwa bikenera ifumbire cyane cyane ifumbire y'imboreza; dushyiraho ibiro 100 ku giti; tugashyiraho amagarama 500 ya NPK kugiti ku mwaka

## GUSARURA

Umusaruro wa mbere utangira kuboneka nyuma y'imyaka ibiri igiti gitewe, umusaruro kuri hegitari ni 20-30T/ha

## INDWARA

Anthracoze; irangwa no kuma kw'amashami amwe namwe, kunamba kw'imbuto zitarera Kuyirwanya ukoresha ubwoko bw'ihanganira uburwayi cyangwa ugatera imiti nta Lidomile.



REPUBURIKA Y'U  
RWANDA



**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA  
IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)**

**ISHAMI RY'IMBUTO, IMBOGA N'INDABO  
(HORTICULTURE)**

**UBUHINZI BW'IMYEMBE**



**Aho wabariza:**

**RAB**

**Ikigo cy'igihugu gishinzwe  
guteza imbere ubuhinzi  
n'ubworozi  
Kigali - Rwanda**

## INTANGIRIRO

Umwembe ni igihingwa cyakomotse muri Inde, cyageze muri Afrika hagati y'ikinyejana cya cumi n'icya cumi na gatandatu, cyazanywe n'Abarabu, aba Portugal n'aba Hollande

## AHO IMYEMBE IKUNDA GUHINGWA

Umwembe ni igihingwa cyo mu turere dushyuha turangwa n'urunyurane rw'ibihe by'izuba n'imvura, Imyembe yera neza aho ubushyuhe buri hagati ya 23 27oc,

Imyembe ishobora kwera ku butaka bugera ku bu tumburuke bwa 1200m,

Aho imvura igwa ku kigereranyo kiri muni ya 700mm ku mwaka, uteganya kuvomerera

Imyembe yera:

mu butaka bufite isi ndende kandi bworoshye,

Mu butaka bufite ubusharire buri hagati ya 5 na 7.5 Ph

## UKO IMYEMBE IKWIRAKWIZWA

Imyembe ikwirakwizwa hakoreshejwe uburyo bwo gutera ibibuto by'imyembe cyangwa hakoreshejwe uburyo bwo kubangurira

## IKWIRAKWIZWA HAKORESHEJWE IBIBUTO

Ikibuto kigomba kuva mu rubuto rweze neza, ru huruwe ku giti kitagaragaza ibimenyetso by'uburwayi, Ikibuto kigomba guhita giterwa vuba bishoboka kubera ko ubushobozi bwo kumera bumara igihegito,

Kugirango wihutishe kumera ikibuto ugihumbika cya-kuweho igishishwa cy'inyuma, icyo gihe kimera nyuma y'ibyumweru 2-3, naho iyo ugihumbitse kitakuweho icyo gishishwa kimara hagati y'ibyumweru 6-8;

Iyo imimeru ifite uburebure bwa sentimetero 10-15 nibwo uzigemeke mu bihoho

## IKWIRAKWIZWA HAKORESHEJWE UBURYO BWO KUBANGURIRA

## KUBAKA PEPINIYERI

- Guhitamo aho kubaka Pepiniyeri

Hari ibintu by'ingenzi ukurikiza:

Kuba ari hafi y'amazi

Kuba hari igitaka cyiza

Kuba hagendeka

Pepiniyeri yubakwa hakurikijwe ibipimo bikurikira

Ubugari: 1.2m-1.5m

Uburebure: 10m-12m

Hagati y'umutabo n'undi: 80cm-1m

Ibiti byo gushinga bigomba kuba bifite 1.8m-2m

Ucukura umwobo wa cm 50 z'ubujyakuzimu

Ushingamo bya biti kuburyo Pepiniyeri iba ifite m 1.3-1.5

Igomba kuba ifite ibiti ku mpande bitangira ibihoho

Igomba kuba kandi itwikiriye kugira ngo ugabanye izuba

## GUHUMBICA

Ibibuto byateguwe neza bishyirwa mugitaka cyangwa mu ibarizo ku murongo, umurongo n'undi itandukanwa na cm10, mu murongo ibibuto biba byegeranye; utwikirizaho agataka gake ukarenzaho ibiyatsi. Ni ngombwa kuvomerera buri muni igihe imvura itagwa (mu gitondo no ku mugoroba)

## GUTEGURA IBIHOHO

Ibihoho bikoreshwa biba bifite ibipimo bikurikira:

Cm30xcm40

Cm20xcm20

Ibyiza ni ugukoresha ibihoho bya cm20xcm20, kuko bifata umwanya muto muri pepiniyeri kandi bikagabanyakazi .

Itaka ryiza rivanze n'ifumbire y'imborera iboze neza, rishyirwa mu masashe, hanyuma ibihoho bigaterekwa muri pepiniyeri ku murongo,

## KUGEMEKA MU BIHOHO

Nyuma y'ukwezi n'igice, ibibuto biri mu buhumbikiro biba byameze; urandura ikibuto ukagishyira mu gihoho. Uravomerera cyane(kabiri ku muni) iyo imvura itaguye .

## KUBANGURIRA

Kubangurira bikorwa nyuma y'amezi ane kugera kuri atandatu ugemetse mu masashe, urugemwe ruba rufite cm 20 kugera kuri cm30, rufite umubyimba ungana

n'ikaramu

## AKAMARO KO KUBANGURIRA

Imbuta zerera igihe gito

Igiti kibanguriye gitanga umusaruro mwinshi

UHINGA ubwoko uzi neza n'ikiburanga ( uko buryoha, aho bwera, igihe bwerera,..)

Igiti kibanguriye gifata umwanya muto mu murim

## UBURYO BWO KUBANGURIRA

Uburyo bwo kubangurira imyembe bukunze gukoreshwa ni uburyo bwo kubangurira ku mutwe

## UKO BIKORWA

Dufata urugemwe tubanguriraho, tukarukata umutwe hagati y'ahoroshye n'ahakomeye, tugasatura hagati Tubaza impande zombi agashami ushaka kubanguriza (agashami ka kijyambere), twinjizamo ka gashami, tugahambira n'agasashe gato kuburyo igikomere cyose gipfukwa, tugapfuka na ka gashami tumaze gushyiramo dukoresheje agasashe.



Urugemwe rwo kubanguriraho



Agashami ko kubanguriza



Kwinjizamo agashami no guhambira



Gupfuka agashami